ITERAMBERE RY'UMUJYI WA HUYE NK'UMWE MU MIJYI YA KABIRI (SECONDARY CITY) NYUMA Y'UMUJYI WA KIGALI KU NKUNGA YA BANKI Y'ISI (WORLD BANK)

(SECONDARY CITIES)

I) INTANGIRIRO

U Rwanda ni kimwe mu bihugu by'intangarugero muri Afurika, ibi bikaba bishingiye kuri politiki ihamye y'iterambere ry'ubukungu bwagiye buzamuka mu myaka itanu ishize kugera ku ijanisha rya 8%.

Igihugu cy'u Rwanda kandi gifite umwihariko mu bintu bikiranga ku buryo muri gahunda zose z'iterambere bigomba kwitabwaho cyane:

1) Kuba u Rwanda rudakora ku Nyanja kandi rukaba rugizwe n'imisozi miremire, ikiguzi kinini cy'ubwikorezi kigumya kuba inzitizi mu iterambere,

2) Kutagira ubutaka buberanye n'ibikorwa by'ubuhinzi bugamije ubucuruzi, ari yo mpamvu u Rwanda rugomba guteza imbere urwego rwa serivisi n'ibijyanye n'inganda mu bijyanye n'ubuhinzi kugirango ibihingwa by'ibanze byoherezwa hanze (icyayi n'ikawa) bibashe gutanga umusaruro ushimishije.

3) Kutagira ingufu z'amashanyarazi zihagije na byo ni imbogamizi ku iterambere ry'Igihugu: 11% gusa by'ingo zose mu gihugu ni zo zikoresha ingufu z'amashanyarazi mu kumurika.

Igihugu cy'u Rwanda gifite intumbero yo kuva mu bihugu bikennye guhera mu mwaka wa 2020. Guverinoma y'u Rwanda ikaba yarashyizeho icyerekezo cya 2020 kirimo gahunda yo guteza imbere Ibikorwa Remezo nka kimwe mubyihutirwa kurusha ibindi bishobora kwihutisha iterambere ry'Imijyi ndetse n'iry'igihugu muri rusange.

Ni muri urwo rwego Guverinoma y'u Rwanda yasabye ko iyi inkunga ya Banki y'Isi yakwibanda ku byihutirwa mu Bikorwa Remezo hashingiwe ku makuru ahari yo mu nzego eshatu zigaragaza iterambere ry'ubukungu rirambye:

- ✓ **Urwego rwa transiporo,**
- ✓ **Urwego rwa Serivisi mu Mujyi,**
- ✓ **Urwego rw'Ingufu.**

Guverinoma y'u Rwanda na Banki y'Isi, impande zombi ziyemeje gutegura ibikorwa bishya by'ishoramari bigamije gushyigikira ibyagezweho mu rwego rw'iterambere rirambye ry'Imijyi mu Gihugu hose.

Umujyi wa Huye nk'umwe mu Mijyi yo ku rwego rwa Kabiri mu Gihugu ,nyuma y'Umujyi wa Kigali, hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- ✓ Guteza imbere ibikorwa-remezo hakorwa imihanda n'ibikorwa by'isuku n'isukura,
- ✓ Gufasha ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'igihugu yo guteza imbere Imijyi,
- ✓ Kongerera Akarere ubushobozi mu bijyanye no gukurikirana no gucunga neza imishinga.

Uyu mushinga ukaba uzashyirwa mu bikorwa mu byiciro bibiri, aho icyiciro cya mbere giteganyijwe kumara imyaka ibiri (2016-2017 na 2017-2018) naho icyiciro cya kabiri kikazatangira nyuma yuko icyiciro cya mbere kirangira kandi bitewe n'uburyo cyashyizwe mu bikorwa.

II) IBIKORWA BITEGANYIJWE GUKORWA MU MUJYI WA HUYE MU MWAKA WA 2016-2017 N'UWA 2017-2018

Mu Karere ka Huye, mu cyiciro cya mbere (Phase I) hateganyijwe gukorwa ibikorwa bijyanye no kubaka imihanda ndetse no kubaka imiyoboro y'amazi y'imvura (Ruhurura) mu duce twa NGOMA na TUMBA bikaba biteganyirijwe inkunga ingana na miliyoni enye z'amadorari ya Amerika (4 million US $).

A) Imihanda iteganyijwe gukorwa mu Mujyi wa Huye mu cyiciro cya mbere

- Umuhanda uva kuri Police Health Center ujya ku irimbi rya Ngoma (R4A , R7,R1A,R5,R2A,R26A) = **1.32 km**
- Umuhanda uva kuri Stade Huye ujya muri Quartier ya Karubanda (R44) = **0.93 Km**
- Umuhanda Mukoni-Agateme- Café de Tumba (R43, R21A) = **2.02Km**

Amafoto agaragaza imihanda izakorwa aho iherereye i Ngoma na Karubanda



Imihanda izakorwa mu cyiciro cya mbere (Phase I) iragaragazwa n'ibara ry'icyatsi kibisi ku ikarita

Amafoto agaragaza imihanda izakorwa aho iherereye i Tumba



Imihanda izakorwa mu cyiciro cya mbere (Phase I) iragaragazwa n'ibara ry'icyatsi kibisi ku ikarita

B) Imiyoboro y'amazi y'imvura izakorwa mu Mujyi wa Huye mu cyiciro cya mbere:

- Hazubakwa ruhurura zitwara amazi y'imvura muri Quartier ya Ngoma.
- Hazubakwa ruhurura zitwara amazi y'imvura i Tumba

C) Icyo imihanda igiye gukorwa izamarira ibaturage b'akarere ka Huye

1) <u>Umuhanda Police Health Center - Irimbi rya Ngoma</u>

Uyu muhanda uzafasha abaturage batuye muri Quartier ya Ngoma kuko ubahuza n'Umuhanda mugari uva mu Mujyi wa Huye ujya Nyaruguru. Uzanafashaka kandi abaturajye bose b'Umujyi wa Huye bazajya bawukoresha berekeza ahari irimbi rusange ry'Umujyi.

2) <u>Umuhanda Stade Huye – Karubanda</u>

Uyu muhanda uzafasha guhuza igice cyo mu mujyi rwagati na Quartier nshyashya ya Karubanda ndetse n'amashuri ahubatse (Seminari n'Ishuri ribanza)

3) Umuhanda Mukoni-Agateme- Cafe de Tumba

Uyu muhanda uzafasha abaturage batuye mu gace ka Cyarwa mu Murenge wa Tumba kuko ubahuza n'umuhanda munini wa Kaburimbo uhasanzwe. Uzoroshya kandi uburyo bwo kugenda muri kiriya gice cy'umujyi gituwe cyane ariko kikaba gifite imihanda y'igitaka itameze neza.

III) Abantu bashobora kubarizwaho amakuru ajyanye n'umushinga igihe cy'ikorwa ry'imirimo:

SN	AMAZINA	ICYO ASHINZWE	CONTACTS
Project Manager			
1	NSHIMIYIMANA Védaste	District Executive Secretary	0788644367 vedsamu@yahoo.fr
Project Coordinator			
2	MUSAFIRI Jean Pierre	Coordinator - OSC	0788440182 musafiripi@yahoo.fr
Engineers			
3	HABINSHUTI Francois	District Engineer	0785139850 habinshuti.francois@yahoo.fr
4	NKURUNZIZA Gustave	District Engineer	0788771325 gustadikovic@gmail.com
Water and Sanitation			
6	MUHONGAYIRE Jacqueline	WATSAN Officer	0788610043 jmuhoyire@yahoo.com
Environmental Officer			
7	BUTERA Martin	Environmental Officer	0788579585 buteram5@yahoo.fr
Social Affairs Officer			
8	KANAMUGIRE UMUBYEYI Yvette	Social Affairs Officer	0788570056 kanamugirey@yahoo.fr